**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Rwamagana, kuwa.21/01/2021**
**N°..132......../07.05.01**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA.**

**Impamvu: Imyanzuro y'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 15/01/2021**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 15/01/2021 yangezeho kuwa 15/01/2021;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe, nkaba mbasaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA.**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ngoma, kuwa 15/ 01 /2021**
**No Ref.NJY/147/07.05.06**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email:** njyanamangoma@ngoma.gov.rw

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**Impamvu**:Kohereza imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku italiki ya 15 Mutarama 2021.

Bwana Guverneri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbohererereze imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo ku italiki ya 15 Mutarama 2021. Murayisanga ku mugereka w'iyi baruwa.
Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

# IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 15/01/2021

Kuwa gatanu tariki ya**15/01/2021**, Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo idasanzwe yateranye hakoreshejwe ikoranabuhanga rya WEBEX, iyoborwa na Perezida wayo **Bwana BANAMWANA Bernard.**

Inama yatangiye imirimo yayo isaa tanu (11h00) za mu gitondo , yitabirwa n'Abajyanama 23 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira:

1. Madamu MUKARUTESI Chantal
2. Bwana MUSONERA Euphrem
3. Bwana HABAKURAMA Oreste
4. Bwana KAMANZI John
5. Bwana NAMANYA William
6. Bwana MULIGO Ladislas

Mu ijambo rye atangiza inama,Perezida w'Inama Njyanama yahaye ikaze abitabiriye inama abifuriza umwaka mushya muhire wa 2021 nokugira inama nziza batanga ibitekerezo ku ngingo imwe iri ku murongo w'ibyigwa, nk'uko yari amaze kuyivugaho mu magambo make.

**Ku murongo w'ibyigwa mu nama hari :**

1.Kwemeza ko imigabane Akarere ka Ngoma katanze hubakwa Hotel EPIC yegurirwa Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN).

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yasobanuriye abari mu nama amavu n'amavuko y'iyubakwa rya HOTEL EPIC n'uruhare Uturere tugize Intara y'Iburasirazuba twagize kugira ngo yubakwe.

By'umwihariko yagaragaje ko Akarere ka Ngoma kashyizemo imigabane ingana n'amfaranga y'amanyarwanda miliyoni Magana abiri (200,000,000 frw). Angana n'amafaranga y'amanyarwanda miliyoni makumyabiri(20,000,000 frw) kayakuye mu ngengo y'Imari yako naho mafaranga y'amanyarwanda agera kuri miliyoni ijana na mirongo inani(180,000,000 frw) Akarere kayafata nk'inguzanyo muri BRD ndetse karanayishyura.

Mu nama yo ku italiki ya 17/12/2020 yahuje Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Iguhugu, Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ,Abakuru b'Intara y'Iburasirazuba n 'iy'Uburengerazuba, uhagarariye BRD, Abayobozi b'Uturere twatanze imigabane muri icyo gikorwa ; hatanzwe icyifuzo cy'uko iyo migabane yakwegurirwa MINECOFIN ndetse n'imyenda Uturere dufite nayo ikazishyurwa na MINECOFIN kugira ngo idakomeza kubera umuzigo Uturere.

Ni muri urwo rwego inama yasabye ko Inama Njyanama z'Uturere zisuzuma iki cyifuzo zikagifatira icyemezo.

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yahaye abari mu nama umwanya w'ijambo maze batanga ibikerezo kuri icyo cyifuzo.

**UMWANZURO :**

Abajyanama bitabiriye Inama Idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere bamaze kungurana ibitkerezo ,bose uko bitaniriye 23/23, bemeje ko umugabane Akarere ka Ngoma gafite muri Hotel EPIC ungana n'amafaranga y'amanyarwanda miliyoni Magana abiri (200,000,000 frw) yegurirwa Minisiteri y'Imari(MINECOFIN).

Inama yasoje imirimo yayo i saa sita **(12h0** ) z' amanywa , Umuyobozi w' Inama ashimira abitabiriye inama ku bitekerezo byiza byatanzwe.

Bikorewe i Ngoma , ku wa **15/01/2021**

**Umwanditsi w'inama**

**MUKANKURANGA Béatrice**

Umunyamabanga w'Inama

Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**Umuyobozi w'inama**

for

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Ngoma